REPUBLIC OF RWANDA

INTEKO Y'UMUCO
RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY

# ITANGAZO RY'AMARUSHANWA Y'AMATORERO Y'IMBYINO GAKONDO Y'ABANYARWANDA BABA MU MAHANGA

Mu rwego rwo kwizihiza Umuganura 2023, Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu ibinyujije mu Nteko y'Umuco, ku bufatanye na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane (MINAFFET) bateguye amarushanwa y'imbyino gakondo y'Abanyarwanda baba mu mahanga. Aya marushanwa agamije ubukangurambaga mu iterambere ry'ubuhanzi, ubuvanganzo n'ubugeni bishingiye ku muco. Agamije kandi kwimakaza indangagaciro zibumbatiwe n'Umuganura. Uyu ukaba ari umusanzu ukomeye wo gusigasira umuco w'u Rwanda mu mahanga.

## 1. Abarebwa n'amarushanwa

Aya marushanwa azitabirwa n'amatorero y'imbyino gakondo y'abana n'urubyiruko baba mu mahanga. Buri Ambasade ntigomba kurenza amatorero abiri yakohereza muri iri rushanwa, ku zisanzwe ziyafite.

## 2. Uko amarushanwa azakorwa

Amarushanwa azakorwa hoherezwa amajwi n'amashusho "video" atarengeje iminota irindwi (7) ya buri torero rizarushanwa mu mbyino gakondo zigaragaza umuco w'u Rwanda. Aya marushanwa ateguwe mu rwego rwo kwizihiza Umuganura 2023 uzagendera ku nsanganyamatsiko igira iti: ***"Umuganura, isôoko y'Ubumwe n'Ishingiro ryo Kudaheranwa"***. "Link" y'imbyino yoherezwa hakoreshejwe uburyo bwa "WeTransfer", ishobora kandi kuba iri kuri " Youtube" cyangwa ku zindi mbuga nkoranyambaga, ikoherezwa kuri imeri zikurikira: muwera@rwandaheritage.gov.rw, rca@minaffet.gov.rw, ymurego@rwandaheritage.gov.rw.

Ubutumwa buzoherezwa bugomba kugaragaza izina ry'itorero ryarushanyijwe bufite umutwe ugira uti: "Amarushanwa y'imbyino gakondo", nomero za terefone z'uhagarariye itorero waboneka byihuse aramutse akenewe.

## 3. Intego

Aya marushanwa agamije gukangurira abana n'urubyiruko baba mu mahanga ibyiza by'umuco w'u Rwanda bazirikana indangagaciro zikubiye mu Muganura. Agamije guha urubuga abana n'urubyiruko baba mu mahanga ngo bagaragaze ubukungu bukubiye mu mbyino gakondo nyarwanda. Agamije kandi kwerekana impano nshya zakwifashishwa mu matorero yabigize umwuga.

## 4. Umusaruro witezwe

- Gusobanukirwa ibyiza by'umuco nyarwanda n'indangagaciro zikubiye mu Muganura;
- Kugaragaza no guteza imbere impano nshya mu bana n'urubyiruko;
- Gushishikariza abana n'urubyiruko kubungabunga umwimerere w'imbyino gakondo mu matorero yabo.

**5. Ibizagenderwaho**

- Kubyina imbyino gakondo za kinyarwanda;
- Imiserukire ku rubuga;
- Imyambarire y'ababyina (abaseruka);
- Ubuhanga bw'ababyina (abaseruka);
- Igihe itorero rimara ntikigomba kurenza iminota 7.

**Icyitonderwa:** Kugendera ku nsanganyamatsiko y'Umuganura 2023 byaba ari akarusho.

**6. Itariki ntarengwa yo kohereza no kwakira "Video"**

Umunsi ntarengwa wo kwakira "video" ni ku wa 27 Nyakanga 2023 saa sita z'ijoro ku masaha yo mu Rwanda.

**7. Ibihembo**

Hazahembwa amatorero atanu ya mbere ahabwe icyemezo cy'ishimwe na bimwe mu bikoresho byifashishwa mu kubyina imbyino gakondo za kinyarwanda, ndetse n'igitabo cyitwa "***Inyoborabatoza y'imbyino gakondo za kinyarwanda: Igitabo cy'ibanze***"

**8. Uko videwo igomba kuba iteye**

- ✓ Amajwi n'amashusho yoherezwa agomba kuba ari muri MP4;
- ✓ "Format" H.264;
- ✓ Videwo igomba kuba ifite amashusho akeye ("High Definition") n'amajwi yumvikana neza.

Abakeneye ibindi bisobanuro babibaza banyuze kuri imeri: muwera@rwandaheritage.gov.rw cyangwa bagakoresha nomero za terefone zikurikira: +250738235323 cyangwa+250788460961.

RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY (RCHA)

**Amb. MASOZERA Robert**
**Intebe y'Inteko**